Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

Kigali, on 04/02/2022

Reference 0092/RSB/DG/NSD/2022

ITANGAZO RIGENEWE ABAKORA INZOGA ZIKOMOKA KU BITOKI N'IBINDI BIMERA

Hashingiwe ku bimaze iminsi bigaragara ku isoko aho hari bamwe mu bacuruza inzoga bagaragaweho kwiyitirira ko ibicuruzwa byabo byahawe ibirango by'ubuziranenge kandi nyamara babeshya abaguzi bagakoresha ibirango by'ibyiganano ***(Counterfeited S-Mark);***

Hashingiwe ku kuba ku isoko harakomeje kugaragara n'inzoga zitujuje ubuziranenge aho zimwe muri izo nzoga zagiye zihitana ubuzima bw'abantu ndetse abandi zikabagiraho ingaruka zikomeye z'ubuzima;

Hashingiwe kandi ku myanzuro y'inama yabaye ku wa 30 Ukuboza, 2021 igahuza inzego zitandukanye hagamijwe kurushaho kurwanya inzoga n'ibinyobwa bikozwe mu bimera bitujuje ubuziranenge, aho hasabwe gukoresha Ikirango cy'Ubuziranenge kirinzwe mu buryo bw'Ikoranabuhanga ***(Protected S-Mark or Made in Rwanda Logo)*** mu kurwanya ikoreshwa ry'ibirango bitari umwimerere;

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) kiramenyesha abakora n'abacuruza inzoga zikomoka ku Bitoki ndetse n'Ibimera ***(Banana and Plant Based Alcoholic Beverages)*** ko guhera ku itariki ya 15 Gashyantare 2022 Ikirango cy'Ubuziranenge kizajya gishyirwa ku bicuruzwa ari icyirinzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga ***(Protected S-Mark or protected Made in Rwanda logo)*** kuko aricyo gifasha gutanga amakuru yuzuye ku muguzi no kubagira uruhare mu igenzura ry'ubuziranenge bw'ibicuruzwa ku masoko.

RSB iboneyeho kandi kwibutsa abakoresha ibirango by'Ubuziranenge bya S-Mark na Made in Rwanda logo kwihutira kuzuza imyirondoro ijyanye n'Uruganda ndetse n'igicuruzwa muri sisitemu yabugenewe ***(Track and Trace System)*** kugira ngo bajye babasha gusaba no guhabwa ibirango birinzwe mu buryo buboroheye.

Ku bindi bisobanuro mwakwegera Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge.

Mugire Amahoro

MURENZI Raymond
Umuyobozi Mukuru

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB) REPUBULIKA Y'U RWANDA

KK 15 Rd,49 Kicukiro
Hotline: 3250
P.O.BOX 7099, Kigali-Rwanda
Email: info@rsb.gov.rw
Telephone: (+250)788303492
Website: www.rsb.gov.rw